



URUKIKO RWISUMBUYE RWA RUBAVU

**ICYEMEZO CY'URUKIKO MU RUBANZA RP 00075/2021/TGI/RBV GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBATABERA KURWITABA.**

Umwaka w'i 2022, umunsi wa 20 w'ukwezi kwa Ukwakira;

Twebwe TWAGIRUMWAMI MUPENDA Martin, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rubavu, dufashijwe na RUKUNDO Jean de Dieu, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona urubanza **RP. 00075/2022/TGI/RBV**, Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Rubavu, bukurikiranyemo **HABARUREMA Fidele** icyaha cyo guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe, ruzaburanishwa ku wa 22/12/2022.

Tumaze kubona ko HABARUREMA Fidele mwene NTEZIMANA Rome na -, wavutse muri 1991, ufite irangamuntu 1199180181770030, akaba yari atuye mu mudugudu wa Buhuru, Akagali ka Byahi, Umurenge wa Rubavu, Akarere ka Rubavu, Intara y'Iburengerezuba, ubu akaba adafite aho abarizwa hazwi, umunyarwanda, utarakatirwa n'inkiko bizwi, ubu akaba akurikiranywe nk'uwaterotse cyangwa wihihe ubatabera.

Dushingiye ku ngingo za 160-166 z'itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha.

Dutegetse **HABARUREMA Fidele kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rubavu ku wa 22/12/2022 i saa mbiri za mu gitondo**, ku cyicaro cyarwo mu murenge wa Gisenyi, kugira ngo aburanishwe, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko, agacirwa urubanza adahari.

Twemeje ko mu rwego rwo kubimenyekanisha, iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru «IMVAHO NSHYA» mu minsi 8.

Twemeje ko iki cyemezo kimanikwa ahagenewe kumanikwa amatangazo ku biro by'Umurenge wa Gisenyi, no ku biro by'Akarere ka Rubavu.

Bikorewe i Rubavu mu mwaka, umunsi n'ukwezi byavuzwe haruguru.

Umucamanza

TWAGIRUMWAMI MUPENDA Martin

Umwanditsi

RUKUNDO Jean de Dieu

